**Kinyarwanda II**

# 025

**02 Nov.2011 8.30am–11.30 am**

**REPUBLIC OF RWANDA**

**RWANDA EDUCATION BOARD (REB)**
**P .O.BOX 3817 KIGALI. TEL/FAX: 586871**

## IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2011

**IKIZAMINI : KINYARWANDA II**

**AMASHAMI :**
- **ENGLISH-FRENCH-KINYARWANDA: EFK**
- **ENGLISH-KISWAHILI-KINYARWANDA: EKK**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA :**

- Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri :
  - **Igice cya mbere** : Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85)**
  - **Igice cya kabiri** : Ihimbamwandiko **(amanota 15)**
- Subiriza mu ikayi yabugenewe, wubahiriza itonde ry'ibibazo.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko cyangwa ahandi hatabugenewe.

**UMWANDIKO WA MBERE:**

**NIWEMWARI YUNGUKA AKANA**

KUBANA abana n'umugore we amaso barayamuhanga. Ni agatinze katazahera, igihe kirasohora, NIWEMWARI asama inda. Ngo amare gusama rubanda irashika : ngabo abagore, ngabo abakecuru, ba "nsumirinda" b'abapfumu... bose biha kuba ba bamenya bitagira ishingiro, bambika intozo bahiga intezi. Bamwe ngo mbega ko wahindutse, ukaba warirabuye aho ntutwite umuhungu? ati "simbizi da, sinabimenya! Abandi ngo reka ni mahire nta gushidikanya rwose!"

Icyo kiziga ni gitoya kandi kirirabura shenge, kandi nta mugayo kirirabura umuvunyi! Abari bakuru bakamubaza ngo mbega iyo nda yawe ujya wumva yonkera hehe? Na we rero kugira ngo yireme agatima kandi anashimishe abamubazaga bose agasubiza agira ati "numva iteka yonkera ibumoso; gusa sinzi icyo bisobanura!" Umwe akavamo, ati "baa! Tutaritaka se ngo umwana arwaye itako!" Ni umuhungu wokamugira we! Ntukabure amata kwa Kubana. Amezi arahita andi arataha, iminsi yo kubyara irageza. Amatsiko aba menshi mu bantu, imitima na yo iba myinshi kwa NIWEMWARI. Inkuru irogera ngo NIWEMWARI atwite za mahungu! kwa sebukwe barashyagirira, ngo reka umwana ntakavunike!

Agaburirwa ukwe, reka mbese akararizwa bucuke, imbogeka nk'iy'umugabo w'abagore babiri ntibure. KUBANA na we atangira gushaka izina ry'umwana hakiri kare. Ni umusore wawe rero ugiye kubona akana ka mbere! Araratira abasore bagenzi be igikorwa gikomeye agiye kugeraho. NIWEMWARI we yahoraga agira ati "reka nta gucira itaragwa, byose bigenwa n'Imana; nzabibara mbibonye!" Kandi ngo nta gatera amatsiko kataragaragara. Ubwo nyirabukwe ntiyashidikanyaga, yari yizeye ko umukazana atwite umuhungu rwose, ndetse rimwe na rimwe iyo yabonaga NIWEMWARI, yagiraga, ati "genda shahu uwo mubyibuho nturi ku busa!" Amezi abaye icyenda mu myijima yako umubyeyi araramukwa. Za nkecuru zaherukaga kujyujyura mu bukwe, zongera kugariza imfuruka n'ikirambi. Abazwiho ubushobozi batangira kuvuga ubukwe, abandi bahihibikanira mu ndaro kwambaza Lyangombe na Binego. Barashyashyana bashya rufumba ntibyatinda amuceka hasi. Ngo ajye kureba icyo yururutse asanga akubise hasi umwana w'umukobwa utagira ingano. Ubunini, ubwiza akabinganya nyina wamubyaye. Abagore ngo bumve umwana arize impundu ziba urwunge. Bamwe bati ariko mwahojeje ako kagabo k'amarira ye! Abandi, ngo nimukareke burya akagabo ni akihagazeho!

Ubwo KUBANA ahubuka ku irembo yiruka agana mu nzu. Igihe atararenga mbonabihita yumva nyina amucetse igipfunsi mu bitugu, ati "subirayo wa

kiroge we!" Na we arihinda asubira mu rugo ariko atangira guhendahenda nyina ngo nibura amubwire icyo umubyeyi yururutse. Umukecuru arongera amwuka inabi nyinshi. Undi aricecekera. Ariko atangira kugira icyoba mu mutima, ati "ubanza atari amahoro!" Ni ko kwiyerekeza mu gacyamu. Ngo agere hirya bimwanga mu nda, arakimirana, aragaruka. Ni bwo ahuye na nyina yikoreye ibiboho by'amasubyo. Batangira kuvuguta iyo miti, bagangahura urugo n'abaje aho bose, ngo badahumana.

Ubwo rero ishyano ryari riguye kuko hari havutse umukobwa w'imfura. Abahannyi barabiriburirwa baza guhana, abapfumu na bo ntibahatangwa baza kuvuga intezi z'insinzi. Urugo rurakunda ruraribwa, abapfumu bapfumukana ibyabo, abahannyi bohohana ibisigaye barusiga iheruheru.

Reka nibuke mbatekerereze uko KUBANA yaje kumenya icyo yabyaye : ubwo yamaze kubona abo bantu babanyamwuga, abona n'ibyo biboho by'amasubyo, ntiyaba agihuririza arabyibwira, ati "noneho ishyano riraguye ! Icyo cyago iyo bagihotora nibura nari kuzazira inkurikizi y'ubuhemu bwacyo gusa ariko ntakirora." Ubwo abagore baba bamwumvise nk'ejo barasizora. Reka data, reka umugore wawe yarahiye ngo ntiyabona yihekura turamureka. Na ho ubundi nta muntu uba yabiretse rwose. Twari twasezeranye guhotora ubwo butindi, tukavuga ko havutse umuhungu ariko agahita yitaba Imana, maze tubonye NIWEMWARI abambye tumurekera ayo mahano ye. Bamwe muri abo bagore bahitaga bitahira. Wagira uwo ubaza akagusubiza amama, agira, ati "reka ako nsize hirya aha kwa KUBANA karahinda". Biba bityo inkuru ikwira ku musozi. Iwabo w'umuhungu bumvikana no kwa bamwana ngo na bo banywe amasubyo. Bityo KUBANA ahabwa ivomo, abana n'umugore we bitegura inkurikizi.

Muri iryo byara sinakwibagirwa kubatekerereza uko kwita umwana izina byagenze kuko na byo bidakwiye kwibagirana muri ayo mateka. Byari bizwi neza ko KUBANA atagomba gukora umwana mbere y'iminsi umunani.Ubwo rero ngo barindaga gutegereza ko nyina w'umwana abanza guharirwa iryo shyano yadukanye. Barimuhamyaga bamuha umwana ngo amwiyitire izina rero. Izina yaryitiraga ku murinzi hari abo mu miryango yabo ya bugufi. Nta muntu wo mu gasozi wabaga uhari. Nyina kandi yabaga atarasohoka mu nzu kuva aho yabyariye kugera kuri uwo munsi.

Igihe rero kiragera, batuma kuri NIWEMWARI ngo aze yite izina, ararahira yanga gusohoka mu nzu. Bamwe ngo ese bamuretse akazayigwamo n'ubundi ko ariyo maherezo, ateze kugira ikindi azamara mu gihugu? Maze ngo se abyumve, akayihayiho k'ababyeyi karanga, akajinya kamwirima mu nda arahinduka.

Umwenda awukenyera insumbane, aragenda ngo ajye kwinjira mu nzu, yumva ibintu bihindanye mu nzu bisa n'ibimuga bikocaguranye. Arahamagara abura uwasubiza. Akomeza urugendo no mu kirambi, maze ngo arebe hejuru akubitwa n'inkuba. NIWEMWARI yari amaze kwimanika mu kiziriko, ariko atarahwana. Ni ko guhutiraho asingira umuhoro ku nkomanizo, ikiziriko aracyahuranya. Umuntu aramanuka yitura mu kirambi, ararabirana basukaho utuzi; mbese birabayobera rwose. Aho bigeze aza guhembuka ariko wamurora ugasanga afite uburakari butagira ingano. Ijambo yavuze ryabaye rimwe gusa, yagize ati "ariko dawe urahemutse!" Abantu uko bagaturutse hirya no hino barakomeza barafatafata, babonye amaze gufata agatege, bamuhendahendera kwandara ngo yite izina. Bigeze aho aremera, kandi n'ubundi nta cyo yarwaniraga kuko icyo yari yatekereje cyari kimubanye imfabusa. Arasohoka maze ngo amare kwicara mu nsi y'umurinzi, bamuzanira umwana ngo amwite izina. Sebukwe rero ni we wagombaga kubanza kumubaza izina yise umwana. Biba bityo, umwana w'umukobwa abwira sebukwe, ati "musaza, umwana wanjye mwise MWANANKUNDI". Ubwo hirya no hino batangira guhwihwisa utugambo bajambura iryo zina. Buracya abantu basubira ku mirenge baturutsemo. Bagenda rero batwika umubaribari ngo ishyano ryaguye kwa KUBANA na se.

**UMWANDIKO WA KABIRI: NTA WUKWANGA**

Ndagukunda ndagukumbuye
Ngwino nkurore mvuze impundu
Ngwino nkuvuge ntareba impande
Ngwino nkwereke abo wampaye
Kandi bemeje kukurwanira rya shyaka
Tubatoza cyane, Mwiza we
Nyakubyara, Nyaguheka
kunda uhumure, Mwiza nkunda
Kandi uhumure nta wukwanga.

**1.** Izihirwe se zina ryiza
Izihirwe mu beza bawe
Kandi ukumburwe n'ejo ukundwe
Kunda uhumure nta wukwanga.
Mwiza we.

**2.** Izihirwe na ya masonga
Ashinjagira agusanga
Maze uririkize ushoze urwoga,
Urebe urwera rw'abagukunda.
Mwiza we.

3. Izihirwe na rya ribori
Waryibarutse urikunze.
Twariharaze amasimbi menshi,
Ngo rijye risa n'uwaribyaye.
Mwiza we.

4. Uko tungana inkingi zawe
Tubaniye inkiko cyane,
Nta bukeho ugitinye Mwiza,
Kandi uhumure nta wukwanga.
Mwiza we.

5. Birebe se umbwire y'uko
Kubyara bisumba byose
Nusunutsa iryo jambo ryiza,
Nzagusingiza ndinde nsaza.
Mwiza we.

## IGICE CYA MBERE : UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

**(amanota 19)**

1. Rondora ibintu bitatu bivugwa mu mwandiko bigaragaza ko ngo Niwemwari yari atwite umuhungu? **(3)**
2. Umwana Niwemwari yibarutse yakiriwe ate mu muryango we? Kubera iki yakiriwe atyo? **(1)**
3. Kubana yamenye ate icyo umugore we yibarutse? Amenye ko yibarutse umukobwa yumvise yakora iki? **(2)**
4. Imyumvire ya Niwemwari itandukaniye he n'iy'abandi babyeyi n'abakecuru baje kumucyeza igihe yabyaraga? **(1)**
5. Ukeka ko ari ukubera iki Kubana yanze kwita umwana we izina? **(1)**
6. Umwandiko wa kabiri ni bwoko ki ? Kuki ushubije utyo ? **(1)**
7. Mu mwandiko wa kabiri haravugwamo abantu bangahe ? Abo bantu ni bande ? Ni izihe ntondeke zibikwereka ? **(2)**
8. Ibyaye ikiboze irakirigatira. Sobanura uyu mugani wifashishije umwandiko wa mbere. **(1)**
9. Lyangombe na Binego bavugwa mu mwandiko wa mbere bapfanaga iki? **(1)**

10. Igiti cy'umurinzi kikwibutsa iki mu muco wo kubandwa w'abanyarwanda ? **(2)**

11. Ni iki cyateye Niwemwari gushaka kwiyahura? **(1)**

12. Niwemwari ati "ariko dawe urahemutse". Yashakaga kuvuga iki ? **(1)**

13. Umubyeyi uvugwa mu mwandiko wa mbere n'uvugwa mu mwandiko wa kabiri batandukaniye he ? **(2)**

**II. Inyunguramagambo** **(amanota 19)**

14. Sobanura amagambo akurikira ari mu mwandiko : **(12)**

a) Gusizora
b) Guhabwa ivomo
c) Akayihayiho
d) Mbonabihita
e) Bagangahura (urugo)
f) Bashya rufumba
g) Gushyagirira
h) Ya masonga (umwandiko wa kabiri )
i) Rya ribori (umwandiko wa kabiri )
j) Twarihaze (umwandiko wa kabiri )
k) Urwoga (umwandiko wa kabiri )
l) Amasubyo

15. Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi ari mu mwandiko bihuje inyito. **(4)**

a) Uyu mwana akimbagira gitware. (umwandiko wa kabiri )
b) Uramenye udahingutsa iyo nkuru hano. (umwandiko wa kabiri )
c) Genda uririmbe bizihirwe. (umwandiko wa kabiri )
d) Ntiyiriwe abaririza kuko yahise amenya icyo yifuza. (umwandiko wa mbere)

16. Andika imbusane z'aya magambo ari mu mwandiko wa mbere : **(3)**

a) Indaro
b) Intozo (imbwa)
c) Mu myijima

## III. Ikibonezamvugo **(amanota 36)**

17. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo. **(6)**

a) Umwe akavamo, ati "baa!"
b) Imbogeka nk'iy'umugabo w'abagore babiri ntibure.
c) Subirayo wa kiroge we !
d) Kubana ntiyagombaga gukora umwana mbere y'iminsi umunani.
e) Ngo amare gusama rubanda irashika : ngabo abagore, ngabo abakecuru, ba "nsumirinda" b'abapfumu...

18. Sesengura amagambo aciyeho umurongo ugaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. **(11)**

a) Ubwo nyirabukwe ntiyashidikanyaga.
b) Abazwiho ubushobozi batangira kuvuga ubukwe.
c) Bamwe bati ariko mwahojeje ako kagabo k'amarira ye !
d) Abandi, ngo nimukareke burya akagabo ni akihagazeho !
e) Umwana wanjye mwise Mwanankundi.
f) Buracya abantu basubira ku mirenge baturutsemo.

19. Inshinga ziciyeho umurongo zitondaguye mu buhe buryo? **(3)**

a) Ni umuhungu wokamugira we !
b) Umwenda awukenyera insumbane
c) Amezi arahita andi arataha

20. Sesengura interuro ikurikira ukoresheje uburyo bw'igiti. **(5)**
Urebe urwera rw'abagukunda, mwiza we.

21. Andika interuro ikurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku. **(5)**

Izihirwe se zina ryiza
Izihirwe mu beza bawe
Kandi ukumburwe n'ejo ukundwe
Kunda uhumure nta wukwanga.
Mwiza we.

22. a) Andika mu nyandiko nyejwi interuro zikurikira : **(6)**

Ngwino nkurore mvuze impundu
Nta bukeho ugitinye Mwiza

b) Iyo [b] na [g] zihekanye ziba zikurikije irihe tegeko ry'imihekanire y'amajwi mu kinyarwanda?

**IV. Ubuvanganzo n'ikeshamvugo** **(amanota 11)**

23. Imigani y'imigenurano: - Uruvuze umugore ruvuga umuhoro,
- Umugore arabyina ntasimbuka,
- Iyo amazi yabaye make ahaririwa imfizi,

yerekana iki mu muco w'abanyarwanda? **(1)**

24. Erekana mu mwandiko wa kabiri ingero za : **(4)**

a) Ishushanyamvugo
b) Irondora
c) Isubirajambo
d) Igereranya

25. Amagambo "Mwiza we" agenda agaruka kuri buri mpera y'igika twayagereranya n'iki mu bisigo nyabami ? Kubera iki ? **(2)**

26. Andika amazina y'abahanzi b'ibi bihangano: **(4)**

a) Inka ya Musoni
b) Umuririmbyi wa Nyiribiremwa
c) Amibukiro
d) Indyoheshabirayi

**IGICE CYA KABIRI : IHIMBAMWANDIKO** **(amanota 15 )**

27. Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko, uyiramburemo umwandiko muremure w'imirongo mirongo itatu (30) y'amagambo umunani (8) umwe umwe.
Wuhe ingingo zifite ireme kandi ukoreshe imvugo iboneye.

a) Umuco nyarwanda wakandamizaga umugore.
(Habonekemo byibura ingingo enye)

b) Imico idakwiriye umwari w'i Rwanda.
(Habonekemo byibura ingingo enye)